



REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'UBUREZI



**INTEGANYANYIGISHO Y'IGORORANGINGO NA SIPORO
IKICIRO CYA MBERE CY'AMASHURI ABANZA**

Kigali, 2015

© 2015 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

Uburenganzira bw'umuhanzi

Kwandukura ibiri muri iyi nteganyanyigisho cyangwa kuyifotora byemewe gusa igihe hagamijwe inyungu z'uburezi.

IJAMBO RY'IBANZE

Mu rwego rwo gushimangira imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi bw'uwiga, Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) gishimishijwe no gushyira ahagaragara integanyanyigisho nshya izakoresha mu gihugu hose. Iyi nteganyanyigisho igamije gutanga uburezi buboneye kandi bufite ireme mu byiciro by'uburezi rusange mu mashuri yose y'u Rwanda. Poritiki y'uburezi mu Rwanda igamije guha urubyiruko mu byiciro byose by'uburezi amahirwe yose mu byerekeye ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya bikwiriye birutegurira kugira uruhare mu iterambere ry'umuryango ndetse no guhabwa amahirwe yo kwihangira umurimo.

Kugira ngo hanozwe ireme ry'uburezi, Leta y'u Rwanda yashyize imbaraga mu ivugurura ry'integanyanyigisho ku buryo imyigire n'imyigishirize ndetse n'isuzuma bigira uruhare rugaragara mu kurema Umunyarwanda igihugu gikeneye. Mu rwego rwo kubaka umuryango ushingiyeye ku bushobozi, byabaye ngombwa ko hakorwa integanyanyigisho ishingiyeye ku guha abiga ubushobozi bukenewe kugira ngo bashobore gupigana ku isoko ry'umurimo haba mu karere u Rwanda ruherereyemo cyangwa ku rwego mpuzamahanga. Mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi nteganyanyigisho, abanyeshuri bazagira uruhare rugaragara mu myigire bityo bagire ubushobozi butuma bashobora guhuza ibyo bize n'ubuzima bwa buri munsu. Ibi bizatuma bo ubwabo bigirira akamaro kandi banateze igihugu cyabo imbere.

Turashimira byimazeyo abafatanyabikorwa n'abaterankunga bagize uruhare mu ivugurura ry'iyi nteganyanyigisho kuva igikorwa gitangira kugeza kirangiye. Tuboneyeho kandi gusaba abazakoresha iyi nteganyanyigisho gutanga ibitekerezo byatuma irushaho kunozwa.

GASANA I. Janvier

Umuyobozi Mukuru wa REB

GUSHIMIRA

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'iyi nteganyanyigisho. Ntabwo iyi nteganyanyigisho yashoboraga gukorwa uko bikwiye iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi ndetse n'abaterankunga. Nejejwe no gushima ubufatanye n'ubwitange batugaragarije.

Mbere na mbere ndashimira inzego nkuru zishinzwe uburezi mu Rwanda zakurikiraniye hafi umurimo wo kuvugurura integanyanyigisho ndetse n'abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda bagize uruhare mu itegurwa n'iyandikwa ry'iyi nteganyanyigisho. Harashimirwa kandi abarimu bigisha kuva mu mashuri y'inshuke, abanza, ayisumbuye na kaminuza bitanze batizigamye kugira ngo iyi nteganyanyigisho ishobore kujya ahagaragara.

Ndashimira imiryango nterankunga mu burezi nka UNICEF, UNFPA, DFID, AFR kubera inkunga mu rwego rw'imari na tekiniki batanze mu ivugurura ry'iyi nteganyanyigisho. Ndashimira kandi uruhare rw'abafatanyabikorwa mu burezi nk' Itorerero ry'Igihugu, Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge, CNLG, CGS, GMO, RBS, REMA, WDA, MINECOFIN, AEGIS Trust, Handicap International, Wellspring Foundation, Right to Play, MEDISAR, EDC/L3, EDC/Akazi Kanoze, Save the Children n'Imiryango ishingiyeye ku kwemera mu iyandikwa ry'iyi nteganyanyigisho. Byongeye kandi ndashimira impuguke mpuzamahanga ndetse n'iz'Abanyarwanda bitanze kugira ngo iyi nteganyanyigisho ishobore gutegurwa no kwandikwa. Iyi nteganyanyigisho ni umusaruro w'ubufatanye n'ubwitange bya buri wese mu bitabiriye iki gikorwa.

Dr. MUSABE Joyce

Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho muri REB

URUTONDE RW'ABAGIZE URUHARE MU ITEGURWA RY'IYI NTEGANYANYIGISHO

Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda

Dr. MUSABE Joyce, Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho muri REB

RUTAKAMIZE Joseph, Umuyobozi w'Itsinda ry' Ubumenyi

Anathalie NYIRANDAGIJIMANA, Ushinzwe ireme ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho

Abarimu

MUNYANEZA Diogène, Urwunge rw'Amashuri rwa KAGUGU CATHOLIQUE, Akarere ka Gasabo

MUNYANEZA Emmanuel, Urwunge rw'Amashuri RUNDA-ISONGA, Akarere ka Kamonyi

NGARAMBE François Xavier, Kaminuza y'u Rwanda, Koleji y'Uburezi , Akarere ka Gasabo

Abandi bagize uruhare mu itegurwa ry'iyi nteganyanyigisho

MUJYAMBERE Gaspard, RTP

Uwanonosoye integanyanyigisho

MUNYANGOGA Apollinaire, Kaminuza y'u Rwanda, Koleji y'Uburezi, Akarere ka Gasabo

ISHAKIRO

IJAMBO RY'IBANZE.....	III
GUSHIMIRA.....	III
URUTONDE RW'ABAGIZE URUHARE MU ITEGURWA RY'IYI NTEGANYANYIGISHO	V
1. INTANGIRIRO	1
1.1. Imvano y'ivugurura ry'integanyanyigisho	1
1.2. Impamvu zo kwigisha no kwiga Igororangingo na Siporo	1
1.2.1. Akamaro k'inyigisho y'Igororangingo na Siporo mu muryango nyarwanda	1
1.2.2. Akamaro k'inyigisho y'Igororangingo na Siporo ku munyeshuri	2
1.2.3. Ihuriro ry'Inyigisho y'Igororangingo na Siporo n'izindi nyigisho	2
1.2.4 Ubushobozi.....	3
2. IMBONEZAMASOMO.....	5
2.1. Imyigire n'imyigishirize y'Igororangingo na Siporo	5
2.2. Uruhare rw'umunyeshuri.....	6
2.3. Uruhare rw'umwarimu.....	6
2.4. Abanyeshuri bafite ubumuga n'ibindi byihariye bikwiye kwitabwaho	7
3. UBURYO BWO GUKORA ISUZUMA MU NYIGISHO Y'IGORORANGINGO NA SIPORO	7
3.1. Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize	8
3.2. Kubika inyandiko igaragaza ibyavuye mu isuzuma	8
3.3. Imiterere y'ibigomba gusuzumwa.....	9
3.4. Gukorera ababyeyi raporo y'isuzuma	9
4. IBIZAKENERWA MU ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IYI NTEGANYANYIGISHO	10
4.1. Imfashanyigisho	10

4.2. Abarimu bafite ubushobozi	10
5. IMITWE IGIZE IYI NTEGANYANYIGISHO	11
5. 1 Imiterere y'integanyanyigisho	11
5.2. Integanyanyigisho y'Umwaka wa mbere w'amashuri abanza	12
5.3. Integanyanyigisho y'umwaka wa kabiri w'amashuri abanza	27
5.4. Integanyanyigisho y'umwaka wa gatatu w'amashuri abanza.....	40
6. IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJWE	54
7. IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO YIGISHWA MU KICIRO CYA MBERE CY'AMASHURI ABANZA	55

1. INTANGIRIRO

1.1. Imvano y'ivugurura ry'integanyanyigisho

Ivugururwa ry'integanyanyigisho y'Igororangingo na Siporo mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza ryakorewe rimwe n'izindi mu rwego rwo kuvugurura ngo zibande ku bushobozi butegerejwe k'uwigira aho gushingira ku bumenyi gusa. Iyi ntambwe yo gutanga ubumenyi, ubumenyi ngiro, ubukeshya n'indangagaciro ni ngombwa kugira ngo uwize agaragazwe n'umusaruro ufatika n'indangagaciro zubaka umuryango nyarwanda, n'imibereho myiza kuri bese. Uyigereranyije n'iyari isanzwe ikoresheya, iri vugurura ryabaye umwanya wo gutegura integanyanyigisho y'Igororangingo na Siporo yita ku iterambere rusange ry'umwana mu mikurire ye haba iy'umubiri, iy'ubwenge n'iy'imbamutima.

1.2. Impamvu zo kwigisha no kwiga Igororangingo na Siporo

1.2.1. Akamaro k'inyigisho y'Igororangingo na Siporo mu muryango nyarwanda

Abantu benshi bari mu byiciro by'imikurire bitandukanye bungukira mu myitozo ngororamubiri cyane cyane iyo babigize akamenyero. Imyitozo ngororamubiri na siporo ituma bagira ubuzima bwiza, birinda indwara zifata urwungano rw'ubuhumekero, indwara z'umutima, iziterwa n'umubyibuho ukabije n'izindi. Byongeye kandi, iyo iyi gahunda itangiye abana bakiri bato, bitanga icyizere cyo kuzagira abaturage barangwa n'imyitwarire iharanira iterambere rirambye rishingiye ku muco w'amahoro no ku buzima bwiza.

1.2.2. Akamaro k'inyigisho y'Igororangingo na Siporo ku munyeshuri

Iyi nyigisho igira uruhare rukomeye mu kuremarema ubumuntu: ituma umwana ahora yishimye, yitinyuka, yigirira ikizere. Itoza abana gukurana umuco w'ubworoherane, ubufatanye, kwihangana, kubana neza n'abandi, gukoresha ukuri, kwirinda uburiganya, kubahiriza amategeko n'amabwiriza. Ikangurira abana kurangwa n'imyitwarire irinda ubuzima bwe n'ubw'abandi. Iyo abarimu bakunze gukina n'abanyeshuri, gahunda y'imikino yongera ubusabane, ubwisanzure, umushyikirano hagati y'umunyeshuri na mwarimu.

Inyigisho y'Igororangingo na Siporo izafasha kandi kugaragaza abana bafite impano zihariye muri uru rwego kugira ngo bafashwe kuziteza imbere bakiri bato. Ku bana bafite ubumuga butandukanye, iyi nyigisho izabafasha guteza imbere no kugaragaza ubushobozi bwabo mu birebana n'imyitozo ngororamubiri na Siporo babifashijwe n'abarezi babo.

1.2.3. Ihuriro ry'Inyigisho y'Igororangingo na Siporo n'izindi nyigisho

Inyigisho y'Igororangingo na Siporo yunganira izindi nyigisho ziteganyijwe ku ngengabihe y'amasomo. Koko rero, iyi nyigisho iteza imbere ubushobozi mu ndimi igihe abanyeshuri bashyira mu bikorwa amabwiriza ajyanye n'umukino. Muri rusange mu myigishirize y'andi masomo, kwifashisha imikino mu bice binyuranye by'isomo bituma abanyeshuri biga bishimye kandi ntibananirwe. Ubushobozi umunyeshuri agaragaza mu masomo y'Igororangingo na Siporo bumubera impamvu yo kwigirira icyizere bigatuma yongera umusaruro mu zindi nyigisho kabone n'iyo yaba asanzwe agaragazamo intege nke.

1.2.4 Ubushobozi

Ubushobozi ni ububasha bwo gukora umurimo uyu n'uyu wihariye uko bikwiye hashingiwe ku bumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya biyanye n'ibyo wize. Poritiki z'igihugu zishingiye ku byo igihugu gikeneye zerekana ubushobozi bw'ibanze n'ubushobozi nsanganyamasomo bishingirwaho mu kubaka imitekerereze yimbitse. Muri iyi nteganyanyigisho ubushobozi bw'ibanze bugaragarira mu bushobozi bugamijwe muri buri mutwe, muri buri mwaka ndetse no mu kiciro. Ibikorwa by'umunyeshuri bigomba gushingira ku byo ashobora gukora kugira ngo hatezwe imbere ubushobozi bugamijwe mu gihe yiga cyangwa arangije umutwe w'amasomo runaka.

Ubushobozi nsanganyamasomo

Ubushobozi nsanganyamasomo ni ubushobozi butihariwe n'inyigisho imwe ahubwo butezwa imbere mu masomo anyuranye, mu bihe bitandukanye ndetse no mu kazi kanyuranye. Ubushobozi bw'ingenzi mu myigire n'inyigishirize abarimu bagomba kwitaho busobanuye ku buryo bukurikira:

Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo: ubu bushobozi buzafasha umunyeshuri gutekereza ahanga no gushyira mu gaciro ku buryo bwaguye bituma abonera ibisubizo ibibazo ahura na byo mu buzima bwa buri muni.

Guhanga udushya: kunguka ubu bushobozi bizafasha umunyeshuri gufata iya mbere agatekereza ahereye ku byo azi, maze agahanga ibintu bishya.

Ubushakashatsi: ubu bushobozi buzafasha umunyeshuri gukemura ibibazo ahereye ku makuru no ku bumenyi busanzweho no gusobanura ibintu ahereye ku makuru yakusanyije.

Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu gihugu: ubu bushobozi buzafasha abanyeshuri gusabana n’abandi nta mususu no gutanga ibitekerezo byabo ku buryo buboneye mu mvugo no mu nyandiko bakoresha imvugo n’amagambo bikwiye. Kubera iyo mpamvu, abarimu bose nubwo baba batigisha indimi basabwa kugenzura ko abanyeshuri bakoresha uko bikwiye ururimi rwigishwamo.

Ubufatanye, imibanire ikwiye n’abandi n’ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni: ubu bushobozi buzafasha abanyeshuri gukorana n’abandi mu matsinda, mu kazi ako ari ko kose bahawe barangwa n’imyitwarire n’indangagaciro bikwiye, bubaha uburenganzira, ibitekerezo n’imyitwarire binyuranye n’ibyabo. Ibi bizafasha kandi abanyeshuri gukora ibikorwa bijyanye no kubungabunga ibidukikije, gukora ubuvugizi ku byerekeye ubuzima bwabo n’ubw’umuryango bita ku isuku n’imirire iboneye kandi na none bakemura ibibazo bahura na byo mu buzima.

Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi: kunguka ubu bushobozi bizafasha abanyeshuri kujyana n’igihe biyungura ubumenyi n’ubumenyi ngiro batarinze gufashwa muri byose. Ibi bizabafasha kandi kujyana n’iterambere bibanda ku bumenyi n’ubumenyi ngiro bikenewe.

Ubushobozi rusange bugamijwe mu nyigisho y’Igororangingo na Siporo

Umunyeshuri urangije ikicro cya mbere cy’amashuri abanza azaba agaragaza ubushobozi bukurikira:

- Gukora imyitozo y’ibanze mu igororangingo rikorerwa ku butaka bahindura icyerekezo n’umuvuduko; bahuza imiyego n’injyana;
- Gukora imyitozo isaba gushira impungenge, kwigengesera no kwirengera bakurikije amabwiriza bahawe;

- Gukora imyitoto inyuranye yo kwiruka bahindura umuvuduko, bahererekanya agati ku ntera igenda yiyongera;
- Gukora imyitoto yo gusimbuka, gusama, kunaga umupira biruka;
- Gushorera umupira no guterera umupira kure ugamije gutera mu izamu;
- Gukinira mu makipe bakurikiza amategeko yoroheje;
- Kugaragaza ko asobanukiwe n'akamaro k'imyitoto ngororangingo ku buzima bwe.

Inyigisho y'Igororangingo na Siporo no kwimakaza ubushobozi bugamijwe

Ubushobozi bwashobanuwe haruguru buzagerwaho amasomo yose abigizemo uruhare. Inyigisho y'Igororangingo na Siporo izateza imbere ubushobozi bwo gufata ibyemezo, gufatanya no kubana neza n'abandi, gushishoza, gushaka ibisubizo by'ibibazo, guhitamo no kugerageza uburyo bunyuranye mu guhanga udushya, ubutwari n'ubushake, byose binyuze mu mikino inyuranye.

2. IMBONEZAMASOMO

2.1. Imyigire n'imyigishirize y'Igororangingo na Siporo

Isomo ry'Igororangingo na Siporo ryigwa kandi rikigishwa hibandwa ku bushobozi bw'umunyeshuri bugaragarira mu gukora imyitoto y'igororangingo n'imikino inyuranye. Iyi nteganyanyigisho igaragaza imyitoto n'imikino yateganijwe, uburyo ikorwa ndetse n'uburyo bw'isuzuma.

Isomo ry'Igororangingo na Siporo ryigishwa mwarimu ategura kandi agasobanurira abanyeshuri umwitozo/umukino akanabereka urugero ku buryo bawukora nta mpungenge. Mwarimu aha abanyeshuri uruhare runini mu kugaragaza ubushobozi bwabo, akabafasha kubuteza imbere mu gihe cyagenwe.

Isomo ry'igororangingo na siporo ryigishwa mwarimu ategura imyitozo/imikino inyuranye ituma abanyeshuri bagaragaza ubushobozi bifitemo mu guhanga no kwishakira ibisubizo. Ubu buryo bufasha abanyeshuri gufata ibyemezo no kwisuzuma mu guteza imbere ubushobozi bwabo mw'igororangingo na siporo.

2.2. Uruhare rw'umunyeshuri

Mu myigishirize ishingiyeye k'uwiga, abanyeshuri basabwa kwitabira imikino inyuranye baharanira kurushaho guteza imbere ubushobozi. Batozwa kugira uruhare mu gusuzuma ubwabo intera y'ubushobozi bagezeho, kuyobora amatsinda mato, kwita ku bikoresho no kwita kuri bagenzi babo.

2.3. Uruhare rw'umwarimu

Mwarimu afite uruhare runini mu gufasha abanyeshuri guteza imbere ubushobozi bunyuranye, no kurangwa n'imyitwarire iboneye. Kugira ngo mwarimu abigereho, akwiye:

- Guhitamo imikino ijyanye n'ubushobozi butezwa imbere n'ikigero cyabo;

- Gutegura imfashanyigisho, gutegura ikibuga no guteganya uburyo bwo kuyobora imikino ku buryo birinda gutakaza umwanya;
- Gutanga neza amabwiriza no kwerekera ku buryo abanyeshuri bumva neza icyo bagiye gukora n'uko bagikora;
- Gucunga umutekano w'abanyeshuri igihe cy'imikino;
- Gushishikariza abanyeshuri gukora ibyo bashoboye no gushimagiza umuhate wa buri wese ku giti cye;
- Gusuzuma intera y'ubushobozi buri munyeshuri agezeho agereranya n'aho yari ageze mu isuzuma riheruka;
- Kugenzura ko abanyeshuri babika ibikoresho ahabigenewe nyuma y'imikino.

2.4. Abanyeshuri bafite ubumuga n'ibindi byihariye bikwiye kwitabwaho

Inyigisho y'Igororangingo na Siporo yubahiriza amahame y'uburezi budaheza. Kugira ngo abana bafite ubumuga bagire uruhare rugaragara mu mikino na siporo hakowa ibi bikurikira:

- Kwirinda kubagira indorerezi n'abogezwa abandi;
- Kwirinda kubaha akato. Ni byiza kubareka bagakinira hamwe n'abandi;
- Gushingira ku bushobozi bagaragaza, ntutekereze ko byanze bikunze bakeneye gufashwa.
- Guhindura ibintu binyuranye kugira ngo bahabwe amahirwe yo gukina hamwe n'abandi: guhindura imikino, amabwiriza/amategeko, ibikoresho, ingano y'ikibuga, igihe umukino umara n'ibindi.
- Gukoresha imvugo y'amarenga no gusubiramo amabwiriza kenshi ku bafite ubumuga bwo kutumva.

3. UBURYO BWO GUKORA ISUZUMA MU NYIGISHO Y'IGORORANGINGO NA SIPORO

Isuzuma ni ikurikirana ry'imyigire y'umunyeshuri hakusanywa ibimenyetso bijyanye n'uburyo buri munyeshuri yiga ndetse no gufata umwanzuro ku byo umunyeshuri yagezeho hashingiwe ku bipimo byagenwe mbere yo gukora isuzuma. Isuzuma ni igice cy'ingenzi mu myigire n'imyigishirize. Muri iyi nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi, isuzuma na ryo rigomba gushingira ku bushobozi. Mu

nyigisho y'Igororangingo na Siporo hazibandwa ku isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize rihozaho kandi rikorerwe cyane cyane ku rwego rw'ishuri.

3.1. Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize

Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize ni isuzuma rihozaho igihe cyose hari ibikorwa byo kwiga. Mu gihe umwarimu ategura isomo rye, agomba kugena ingingo ngenderwaho mu gusuzuma ko intego yagezweho. Mu gusoza umutwe, umwarimu asuzuma urwego rw'ubushobozi abanyeshuri bagezeho ugereranyije n'ubwo bari bategerejweho nk'uko bigaragara mu ntangiro ya buri mutwe. Ibi bizafasha umwarimu kubona ibyo abiga bashoboye n'ibyo bagaragazamo intege nke bityo hafatwe ingamba zihariye zo kubafasha gutera imbere. Mu isuzuma, umwarimu azakoresha cyane uburyo bwo kwitegereza.

3.2. Kubika inyandiko igaragaza ibyavuye mu isuzuma

Kubika inyandiko igaragaza ibyavuye mu isuzuma ni ugukusanya ibigaragaza ko isuzuma ryakozwe no kubiha agaciro hagenda ku bipimo byagenwe mbere. Uburyo ubwo ari bwo bwose bwaba bwakoreshejwe mu isuzuma bugomba gutanga amakuru abarwa mu manota yandikwa cyangwa hakoreshejwe ibindi bipimo, bikabikwa neza ku buryo hagaragazwa intambwe igenda iterwa mu myigire.

Uburyo bwiza bwo kubika amakuru ni ukubika mu idosiye imwe (mu nyandiko cyangwa ku buryo bw'ikoranabuhanga) amasuzuma yose y'umunyeshuri ndetse n'ibyavuyemo ugaragaza aho umunyeshuri afite intege nke cyangwa adafite ibibazo mu myigire ye. Ibi

bigira uruhare mu gutegura ibikorwa cyangwa ingamba zihariye bituma ubushobozi bugamijwe bugerwaho. Ibyavuye mu isuzuma kandi bishingirwaho n'umwarimu mu gihe atanga inama ku banyeshuri n'ababyeyi.

3.3 Imiterere y'ibigomba gusuzumwa

Hasuzumwa ubushobozi bukubiye mu byigwa mu mitwe inyuranye ndetse n'ubushobozi nsanganyamasomo: uko umunyeshuri yumva amabwiriza n'uko ayashyira mu bikorwa; ubumenyingiro mu rwego rwa tekiniki z'imikino; ubushobozi bwo gukora imiyego n'ihuzangiro; uburyo bwo gushaka ibisubizo by'ibibazo.

Hazasuzumwa imyitwarire nko kubana neza n'abandi, gufatanya no gushyira hamwe, uko yakira gutsinda cyangwa gutsindwa; uko acunga imbamutima; uko yirinda impanuka, uko agaragaza ubushake n'umuhate; imyambarire ijyanye n'isomo ry'Igororangingo na Siporo; gukina batabangamirana; n'ibindi.

3.4. Gukorera ababyeyi raporo y'isuzuma

Integanyayigisho y'Igororangingo na Siporo iteganya ko ababyeyi bahabwa raporo y'intambwe abanyeshuri bagenda batera mu myigire yabo. Ntabwo amanota yonyine ahagije mu kwerekana ko abanyeshuri bageze ku bushobozi bugamijwe. icyafasha cyane ni ukwerekana aho abanyeshuri bagaragaza ubushobozi bugamijwe n'aho bafite intege nke hakenewe gushyirwamo imbaraga bityo hagafatwa ingamba zikwiye.

4. IBIZAKENERWA MU ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IYI NTEGANYANYIGISHO

4.1. Imfashanyigisho

Kugira ngo ubushobozi bugamijwe muri iyi nteganyanyigisho bugerweho, hazakenerwa ikibuga n'ibindi bikoresho mfashanyigisho binyuranye. Urugero: ibitabo by'abarimu bisobanura imigendekere y'imikino, imipira n'imigozi yo gusimbuka ikozwe mu bikoresho biboneka mu karere ishuri ryubatsemo, ingoma, ifirimbi, radiyo, televiziyo, mudasobwa, n'ibindi byagiye bigaragazwa mu mitwe inyuranye uko bizagenda bikwirakwizwa mu mashuri. Kuba nta kibuga gihagije gihari ntibikwiye kuba impamvu yo kureka isomo ry'Igororangingo na Siporo. Hari imikino myinshi ishimisha abanyeshuri kandi nyamara idakenera ikibuga kinini.

4.2. Abarimu bafite ubushobozi

Umwarimu w'amasomo y'Igororangingo na Siporo agomba kugendana n'ibihe agahora ashakashaka uburyo bugezweho bwo kwigisha n'imfashanyigisho zigezweho. Asabwa kandi kugira ubumenyingiro bukurikira:

- Kuba intangarugero mu birebana n'ubumenyingiro n'imyitwarire bitegerejwe ku banyeshuri;
- Gutegura no gutunganya aho yigishiriza ku buryo abanyeshuri biga bisanzuye ;
- Gukundisha abanyeshuri isomo yigisha;
- Kwita kuri buri munyeshuri hagamijwe guha abanyeshuri amahirwe angana yo guteza imbere ubushobozi;

- Gufasha ku buryo bwihariye abana bafite ubumuga butandukanye guteza imbere ubushobozi mu Igororangingo na Siporo;
- Gushishikariza abanyeshuri guharanira ubuzima bwiza no kurangwa n'umuco w'amahoro;
- Gutoza abanyeshuri be kugira imyitwarire iboneye yuje ubupfura;
- Gukoresha uko bikwiye imfashanyigisho n'integanyanyigisho.

5. IMITWE IGIZE IYI NTEGANYANYIGISHO

5. 1 Imiterere y'integanyanyigisho

Inyigisho y'Igororangingo na Siporo mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza ikubiyemo imitwe 18 aho buri mwaka ugizwe n'imitwe 6. Integanyanyigisho ya buri mwaka ibanzirizwa n'ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri uwo mwaka, hagakurikiraho imbumbanyigisho zigabanyijwemo inyigisho zinyuranye. Buri nyigisho ikaba igabanyijwemo imitwe inyuranye.

Buri mutwe ugaragaza ibi bikurikira:

- Inyito y'umutwe;
- Igihe umutwe uzamara;

- Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe kugerwaho umutwe wose umaze kwigwa. Ubu bushobozi bwubakira ku bumenyi umunyeshuri agenda yunguka buhoro buhoro bugaragarira mu bumenyi, mu bumenyingiro (ibyashobora gukora) ndetse no mu bukesha;
- Ingingo z'ingenzi zigize icyigwa;
- Ingero z'ibikorwa/imyitozo/imikino abanyeshuri bazakora kugira ngo bagere ku bushobozi bugamijwe;
- Ihuriro ry'umutwe n'ibindi byigwa;
- Imfashanyigisho zizakenerwa;
- Ingingo ngenderwaho abarezi bazashingiraho mu isuzuma.

5.2. Integanyanyigisho y'Umwaka wa mbere w'amashuri abanza

5.2.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Umunyeshuri urangije umwaka wa mbere w'amashuri abanza ashobora:

- Gushyushya no kunanura umubiri by'ibanze;

- Gukora imyitozo isaba gushira impungenge, guhindura icyerekezo no kwigengesera nta kugongana;
- Gukora imyitozo yo kugendera ku mirongo iboneye;
- Gukina imikino y'ibanze mu kunaga, gusama no kwiruka;
- Kwiruka intera ngufi basimburana;
- Gukina imikino yoroheje igaragaza ubufatanye.

5.2.2. Imitwe igize integanyanyigisho

Imbumbanyigisho: Imiyego n'igororangingo		
Umwaka wa mbere Igororangingo na Siporo	Umutwe wa 1: Imyitozo n'imikino iteza imbere umubiri	Umubare w'amasomo: 3
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umunyeshuri azaba ashobora gushyushya no kunanura umubiri by'ibanze, nta mpungenge kandi yigengesera.		
Intego		

Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya	Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga akamaro ko gukora imyitozo inanura kandi ishyushya umubiri - Gutandukanya akamaro ko gukora imyitozo imara impungenge n'iyoy kwigengesera. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gushyushya umubiri - Kunanura umubiri - Gushira impungenge - Guhindura icyerekezo - Kwigengesera 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutinyuka - Kwigirira icyizere - Kumenya aho ari 	<ul style="list-style-type: none"> - Imyitozo n'imikino yo gushyushya umubiri - Imyitozo n'imikino yo kunanura no kuruhura umubiri - Imyitozo n'imikino yo gushira impungenge no kwigengesera 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukurikiza amabwiriza agenga imyitozo no kuyashyira mu bikorwa. - Kwishyushya biruka: <ul style="list-style-type: none"> - batava aho bari - bazenguruka ikibuga - bakata amakoni - kugorora no kuruhura umubiri: <ul style="list-style-type: none"> - kugorora ijosi - kunanura uruti rw'umugongo - Gukora imyitozo inoza intugu - Gukora imyitozo yagura kandi igakomeza imikaya y'igituza - Gukora imyitozo inoza imikaya y'innyuma y'amatako - Imyitozo yo guhumeka neza ujjana umwuka mu bihaha unawugarura - Kwiruka buhoro - Kuruhura imikaya bagenda buhoro - Kugendera hejuru y'igiti kimwe, kugendera ku kaguru kamwe, gukina imikino isaba kwigengesera, kwirengera.

Ihuriro n'andi masomo:

- *Imibare: Kubara*
- *Ubumenyi n'ikoranabuhanga riciriritse: Amerekezo*
- *Ibinyabuzima: guhumeka*

Ibigenderwaho mu isuzuma: kwitegereza ubushobozi bw'umubiri w'umunyeshuri mu gukora indi myitozo ngororangingo.

Imfashanyigisho: Ikibuga, icyumba cyabugenewe, ifirimbi, amashusho, umupira, igitu, urubaho, udukoni, n'ikindi gikoresho umunyeshuri yashobora kwirengera ku mutwe.

Imbumbanyigisho: Imiyego n'igororangingo				
Umwaka wa mbere Igororangingo na siporo		Umutwe wa2: Imyitozo n'imikino iteza imbere imiyego n'ihuzangiro		Umubare w'amasomo: 6
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umunyeshuri azaba ashobora kugendera ku mirongo iboneye				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga akamaro ko gukora imyitozo yo kugendera ku mirongo iboneye - Kurondora ibice by'umubiri w'umuntu 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugendera ku mirongo iboneye - Gukurikiza amabwiriza - Kwerekana ibice by'umubiri 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutinyuka - Kwigirira icyizere - Guhuza Ibikorwa - Gukoresha ukuri - Kubana neza n'abandi 	<ul style="list-style-type: none"> - Imyitozo n'imikino iteza imbere imiyego n'ihuzangiro - Imyitozo imenyereza abanyeshuri kuja mu myanya 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukurikiza amabwiriza agenga imyitozo no kuyashyira mu bikorwa. - Kugendera kuri gahunda - Kwitoza gukomeza imikaya y'umukamba w'inda n'iy'uruti rw'umugongo - Kwitoza kubangikanya amaboko n'amaguru bagendera kuri gahunda. - Kuja mu myanya: <ul style="list-style-type: none"> - Ku murongo w'impagarike

			<ul style="list-style-type: none"> - Imyitozo n'imikino iteza imbere ubwenge 	<ul style="list-style-type: none"> - Ku murongo w'intambike - Ku murongo w'uruziga - Guteza imbere ibyumviro: - gukina amaso apfutse - Gukina imikino yo gukorakora - Guca amarenga - Gushaka umuntu uguhamagaye amaso apfutse. - Gufata mu mutwe, gutuza no gushishoza: - Gukina imikino isaba gushishoza, gufata mu mutwe no kwibuka - Kumenya ibice by'umubiri: - Gukina imikino yo kumenya no kwita ku bice by' umubiri - Gukurikiza amabwiriza ahawe: - Gukina imikino isaba gukurikiza amabwiriza - Guhuza injyana n'ibice by'umubiri: - Gukora Imyitozo yo gutambuka akurikije injyana(akarasisi) - Gukora Imyitozo ari mu myifatire inyuranye ahinduranya ibice by'umubiri
--	--	--	---	---

			<ul style="list-style-type: none"> - Imyitozo igamije iterambere mu mibanire n'abandi - Imyitozo iteza imbere imbamutima 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukina imikino yigisha kubana neza n'abandi: - Imikino ikangurira umwana kubana neza na bagenzi be - Imikino igendana no gufatanya n'abandi no Kwimenyereza kurangiza inshingano ahawe. - Gukina mu makipi: -Imikino itoza abanyeshuri gukorera hamwe mu makipi - Gukina imikino yo kurushanwa: -Imikino ishishikariza umunyeshuri gukora agamije gutsinda - Gukina imikino itoza kwihangana no kwihanganirana: -Imikino imenyereza umunyeshuri kwakira ibyavuye mu mukino
<p><i>Ihuriro n'andi masomo:</i></p> <ul style="list-style-type: none"> - <i>Imibare: Kubara</i> 				

- *Ubumenyi n'ikoranabuhanga riciriritse: kumenya imyanya n'amerekezo*
- *Ibinyabuzima: ibice by'umubiri*
- *Ubumenyi mbonezamubano: Kubana neza n'abandi*

Ibigenderwaho mu isuzuma: kwitegereza imibanire ye myiza n'abandi, kwigirira icyizere, gufata ibyemezo, kwita ku mubiri we no kugira isuku.

Imfashanyigisho: Ikibuga, icyumba cyabugenewe, ifirimbi, amashusho, umupira, udutambaro, isabune, amazi, n'ibindi bikoresho.

Imbumbanyigisho: Imiyego n'Igororangingo				
Umwaka wa mbere Igororangingo na siporo		Umutwe wa3: Imyitozo n'imikino ngororamubiri		Umubare w'amasomo: 4
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umunyeshuri azaba ashobora gukora imyitozo inyuranye yo kwiruka , gusimbuka no kunaga.				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kumenya akamaro ko gukora imyitozo ngororangingo - Gutandukanya ibikoresho binyuranye byo mu mikino y'igororangingo 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwiruka - Gusimbuka - Kunaga 	<ul style="list-style-type: none"> - Imyifatire irinda ubuzima - Ihuzabikorwa - Gukurikiza amabwiriza - Gutinyuka - Kwigirira akamaro - Gufata ibyemezo 	<ul style="list-style-type: none"> - Imyitozo yo kwiruka ku metero hagati ya 20 na 30 - Imyitozo yo gusimbuka 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukurikiza amabwiriza agenga imyitozo no kuyashyira mu bikorwa. - Gukora imyitozo yo kwiruka : <ul style="list-style-type: none"> - atava mu byimbo - ava mu byimbo - Guhaguruka neza bituma yongera imbaraga zo kwiruka - Gusimbuka bakurikiza injyana zinyuranye - Gusimbuka ku kaguru kamwe

			- Imyitozo yo kunaga	- Kumenya ikirenge fatizo - Gukora imiyego yo gusimbuka - Kunaga udupira n'ukuboko kurambuye cyangwa guhinnye - Kunaga ibikinisho binyuranye - Kunaga ahagaze hamwe, anaga mu byerekezo binyuranye
<i>Ihuriro n'andi masomo: Imibare: Kubara</i>				
<i>Ubumenyi n'ikoranabuhanga riciriritse: Amerekezo</i>				
<i>Ibigenderwaho mu isuzuma: kwitegereza ubushobozi bw'umubiri w'umunyeshiri mu gukora indi myitozo ngororamubiri</i>				
<i>Imfashanyigisho: Ikibuga, icyumba cyabugenewe, ifirimbi, amashusho, imipira, udutenesi, imipira ya karere, agati, imigozi, imitemeri, ikibaho</i>				

Imbumbanyigisho: Imikino inyuranye

Umwaka wa mbere: Igororangingo na

Umutwe wa 4: Umupira w'amaguru

Umubare w'amasomo: 10

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

Umunyeshuri azaba ashobora: Gushorera umupira, kuwutera no gukina imikino yoroheje igaragaza ubufatanye

Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
- Kurondora amabwiriza n'amategeko y'ibanze y'umupira w'amaguru	- Gushorera umupira - Gutera ishoti - Gutanga umupira - Gukinira mu ikipi	- Gukurikiza amabwiriza - Gutinyuka - Kwihuta - Ubufatanye - Gufata ibyemezo	- Imyitozo yo gushorera umupira - Imyitozo yo guhanahana umupira bakoresheje ikirenge - Imyitozo yo gutera umupira wari ufashwe mu ntoki (umunyezamu) - Imyitozo yo gutera kure umupira uri hasi - Imyitozo yo gukina mu makipi agizwe	- Gukurikiza amabwiriza agenga imyitozo no kuyashyira mu bikorwa. - Kuyobora umupira awuvana ku kimenyetso A awujyana ku kimenyetso B - Gutera umupira akawuha mugenzi we - Gutera umupira wari ufashwe mu ntoki akoresheje ikirenge (umunyezamu) - Gutera ishoti n'ikirenge umupira uteretse hasi - Gukina n'abandi bagendeye ku mabwiriza

			n'abakinnyi bake kandi batsinda mu izamu	.
<i>Ihuriro n'andi masomo: Imibare: Kubara</i>				
<i>- Ubumenyi n'ikoranabuhanga riciriritse: Amerekezo</i>				
<i>Ibigenderwaho mu isuzuma: kwitegereza ubushobozi bw'umunyeshuri bwo gushorera umupira, kuwutera no gukina imikino yoroheje igaragaza ubufatanye.</i>				
<i>Imfashanyigisho: Ikibuga, icyumba cyabugenewe, ifirimbi, amashusho, umupira, udutenesi, imipira ya karere, agati, imigozi, imitemeri, ikibaho.</i>				

Imbumbanyigisho: Imikino inyuranye

Umwaka wa mbere: Igororangingo na siporo			Umutwe wa 5: Umupira w'amaboko		Umubare w'amasomo: 10
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umunyeshuri azaba ashobora: Kunaga, gusama no kudunda umupira w'amaboko.					
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri	
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya			
<ul style="list-style-type: none"> - Kurondora amabwiriza n'amategeko y'ibanze y'umupira w'amaboko 	<ul style="list-style-type: none"> - Kunaga umupira - Gusama umupira - Kudunda umupira 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukurikiza amabwiriza - Gutinyuka - Kwihuta - Ubufatanye - Gufata ibyemezo 	<ul style="list-style-type: none"> - Imyitozo yo kunaga umupira - Imyitozo yo gusama umupira - Imyitozo yo kudunda umupira 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukurikiza amabwiriza agenga imyitozo no kuyashyira mu bikorwa. - Imyitozo yo guhererekanya umupira bawunaga - Gukora imyitozo yo kunaga umupira cyangwa utundi dukinisho - Imyitozo yo gusama umupira umunyeshuri ahagaze cyangwa agenda - Gukora imyitozo inyuranye yo gusama umupira - Gukora imyitozo yo kuyobora umupira bawudunda. 	
<i>Ihuriro n'andi masomo:</i> <ul style="list-style-type: none"> - Imibare: Kubara 					

- *Ubumenyi n'ikoranabuhanga riciriritse: Amerekezo*

Ibigenderwaho mu isuzuma: kwitegereza ubushobozi umunyeshuri agaragaza mu mikino yo kunaga, gusama no kudunda umupira w'amaboko.

Imfashanyigisho: Ikibuga, icyumba cyabugenewe, ifirimbi, amashusho, umupira, udutenesi, imipira ya karere, agati, imigozi, imitemeri, ikibaho.

Imbumbanyigisho: Ubuzima n'imibereho myiza

**Umwaka wa mbere
Igororangingo na siporo**

**Umutwe wa 6: Kwirinda
indwara**

Umubare w'amasomo: 3

